Umwaka wa 65
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 13/10/2026

Year 65
Official Gazette n° Special of 13/10/2026

65ème Année
Journal Officiel n° Spécial du 13/10/2026

Ibirimo/ Summary/ Sommaire *page/ urup*

Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri nº 001/MINICOM/26 ryo ku wa 12/10/2026 ryerekeye umutungo bwite mu by'inganda, ingano y'ingwate itangwa ku ihagarikwa ry'ibicuruzwa bikekwaho kwiganwa n'amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge.....2

Ministerial Order nº 001/MINICOM/26 of 12/10/2026 relating to industrial property, security provided for application of suspension of suspected counterfeit goods and fee payable for service of protection of intellectual property.....2

Arrêté Ministériel nº 001/MINICOM/26 du 12/10/2026 relatif à la propriété industrielle, à la garantie exigée pour la demande de suspension des marchandises soupçonnées de contrefaçon et aux frais payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle...2

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 001/MINICOM/26 RYO KU WA 12/10/2026 RYEREKEYE UMUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA, INGANO Y'INGWATE ITANGWA KU IHAGARIKWA RY'IBICURUZWA BIKEKWAHO KWIGANWA N'AMAFARANGA YISHYURWA KURI SERIVISI ZO KURENGERA UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE	MINISTERIAL ORDER Nº 001/MINICOM/26 OF 12/10/2026 RELATING TO INDUSTRIAL PROPERTY, SECURITY PROVIDED FOR APPLICATION OF SUSPENSION OF SUSPECTED COUNTERFEIT GOODS AND FEE PAYABLE FOR SERVICE OF PROTECTION OF INTELLECTUAL PROPERTY	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 001/MINICOM/26 DU 12/10/2026 RELATIF À LA PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE, À LA GARANTIE EXIGÉE POUR LA DEMANDE DE SUSPENSION DES MARCHANDISES SOUPÇONNÉES DE CONTREFAÇON ET AUX FRAIS PAYABLES POUR LES SERVICES DE PROTECTION DE LA PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** **Ingingo ya 2: Isobanura** **UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'AKANAMA K'UBUJURIRE MU MPAKA ZEREKEYE UMUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA** **Ingingo ya 3: Abagize Akanama k'ubujurire na manda yabo**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Order** **Article 2: Interpretation** **CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE APPEAL COMMITTEE FOR DISPUTES RELATED TO INDUSTRIAL PROPERTY** **Article 3: Composition and term of office of the Appeal Committee**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier : Objet du présent arrêté** **Article 2 : Interprétation** **CHAPITRE II : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ DE RECOURS POUR LES LITIGES EN MATIÈRE DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE** **Article 3 : Composition et mandat du Comité de recours**

Ingingo ya 4: Kureka kuba ugize Akanama k'ubujurire	**Article 4: Cessation of membership**	**Article 4 : Cessation de la qualité de membre**
Ingingo ya 5: Imicungire	**Article 5: Management**	**Article 5 : Gestion**
Ingingo ya 6: Itangwa ry'ubujurire	**Article 6: Submission of appeal**	**Article 6 : Soumission du recours**
Ingingo ya 7: Inama	**Article 7: Meetings**	**Article 7 : Réunions**
Ingingo ya 8: Itumizwa ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo	**Article 8: Convening a meeting and decision making**	**Article 8 : Convocation d'une réunion et prise de décision**
Ingingo ya 9: Itumizwa mu nama ry'undi muntu ushobora kungura inama Akanama k'ubujurire	**Article 9: Invitation of a resource person in the meeting**	**Article 9 : Invitation d'une personne ressource à la réunion**
Ingingo ya 10: Itumizwa ry'abo bireba mu nama	**Article 10: Invitation of concerned parties to attend the meeting**	**Article 10 : Invitation des parties concernées à assister à la réunion**
Ingingo ya 11: Gusaba amakuru cyangwa ibisobanuro	**Article 11: Request for information or explanations**	**Article 11 : Demande d'informations ou d'explications**
Ingingo ya 12: Ububasha bw'Akanama k'ubujurire ku cyemezo cyo kwemeza cyangwa gukuraho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha	**Article 12: Power of the Appeal Committee for confirmation or revocation of the decision of the competent authority**	**Article 12 : Pouvoir du Comité de recours pour confirmer ou révoquer la décision de l'autorité compétente**
Ingingo ya 13: Kureka ubujurire	**Article 13: Withdrawal of the appeal**	**Article 13 : Désistement du recours**
Ingingo ya 14: Guhuza ubujurire	**Article 14: Joinder of appeals**	**Article 14 : Jonction de recours**
Ingingo ya 15: Guhagararirwa	**Article 15: Representation**	**Article 15 : Représentation**

Ingingo ya 16: Igongana ry'inyungu	**Article 16: Conflict of interests**	**Article 16 : Conflits d'intérêts**
Ingingo ya 17: Gutanga raporo	**Article 17: Submission of report**	**Article 17 : Soumission du rapport**
Ingingo ya 18: Ingengo y'imari	**Article 18: Budget**	**Article 18 : Budget**
UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTAMBAMIRA ITANGWA RY'IMPAPUROMPAMO KU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**CHAPTER III: MODALITIES FOR OPPOSING THE GRANT OF INDUSTRIAL PROPERTY TITLES**	**CHAPITRE III : MODALITÉS D'OPPOSITION À L'OCTROI DE TITRES DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**
Ingingo ya 19: Impamvu zo gutambamira itangwa ry'impapurompamo ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 19: Grounds for opposing the grant of industrial property titles**	**Article 19 : Motifs d'opposition à l'octroi de titres de propriété industrielle**
Ingingo ya 20: Uburyo bwo gutambamira	**Article 20: Opposition procedure**	**Article 20 : Procédure d'opposition**
UMUTWE WA IV: IBISABWA BIJYANYE N'IMIKORERE Y'INTUMWA KU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA N'IMITERERE Y'INYANDIKO ITANGA UBUBASHA	**CHAPTER IV: REQUIREMENTS FOR PERFORMANCE OF AN INDUSTRIAL PROPERTY AGENT AND POWER OF ATTORNEY FORMAT**	**CHAPITRE IV : EXIGENCES RELATIVES À L'EXERCICE D'UN MANDATAIRE DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE ET LE FORMAT DU MANDAT**
Ingingo ya 21: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 21: Requirements to become an industrial property agent**	**Article 21 : Exigences pour devenir mandataire de propriété industrielle**
Ingingo ya 22: Ubusabe bwo kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 22: Application to become an industrial property agent**	**Article 22 : Demande pour devenir mandataire de propriété industrielle**

Ingingo ya 23: Inyandiko ziherekeza ubusabe bwo kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 23: Supporting documents for application to become an industrial property agent**	**Article 23 : Documents justificatifs de la demande d'être mandataire de la propriété industrielle**
Ingingo ya 24: Itangwa ry'uruhushya	**Article 24: Issuance of licence**	**Article 24 : Octroi d'une licence**
Ingingo ya 25: Agaciro k'uruhushya	**Article 25: Validity of licence**	**Article 25 : Validité d'une licence**
Ingingo ya 26: Kongerera igihe uruhushya	**Article 26: Renewal of licence**	**Article 26 : Renouvellement de la licence**
Ingingo ya 27: Kwamburwa uruhushya	**Article 27: Revocation of licence**	**Article 27 : Révocation d'une licence**
Ingingo ya 28: Imyitwarire	**Article 28: Code of conduct**	**Article 28 : Code de conduite**
Ingingo ya 29: Imiterere y'inyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**Article 29: Format of power of attorney in industrial property matters**	**Article 29 : Format du mandat en matière de la propriété industrielle**
Ingingo ya 30: Ururimi rukoreshwa mu nyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**Article 30: Language used in the power of attorney in industrial property matters**	**Article 30 : Langue utilisée dans le mandat en matière de la propriété industrielle**
UMUTWE WA V: UBURYO N'IGIHE URUHUSHYA RW'IMPAMYABUVUMBUZI RUTEGETSWE RUTANGWA NTA MPAKA RUTANGWAMO	**CHAPTER V: MODALITIES AND PERIOD WITHIN WHICH AN EX OFFICIO COMPULSORY LICENCE OF PATENT IS GRANTED**	**CHAPITRE V : MODALITÉS ET PÉRIODE PENDANT LAQUELLE LA LICENCE OBLIGATOIRE D'OFFICE SUR LE BREVET EST OCTROYÉE**
Ingingo ya 31: Uburyo bwo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 31: Modalities for granting an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 31 : Modalités d'octroi de la licence obligatoire d'office sur le brevet**

Ingingo ya 32: Ibikubiye mu busabe bw'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 32: Content of application for an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 32 : Contenu de la demande de la licence obligatoire d'office sur le brevet**
Ingingo ya 33: Kumenyesha no kuganira ku ruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 33: Notification and negotiation of ex officio compulsory licence**	**Article 33 : Notification et négociation de la licence obligatoire d'office**
Ingingo ya 34: Kudatangaza amakuru ku mpamyabuvumbuzi	**Article 34: Confidentiality of patent information**	**Article 34 : Confidentialité sur les informations du brevet**
Ingingo ya 35: Uburyo bwo gutanga raporo no gukurikirana iyubahirizwa ry'uruhushya	**Article 35: Reporting mechanism and compliance monitoring of licence**	**Article 35 : Mécanisme de rapportage et de suivi de la conformité de licence**
Ingingo ya 36: Igihe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka rumara	**Article 36: Period of validity of ex officio compulsory licence of patent**	**Article 36 : Durée de validité de la licence obligatoire d'office sur le brevet**
UMUTWE WA VI: INGANO Y'INGWATE CYANGWA IY'UBWISHINGIRE BUNGANA NA YO BITANGWA KU BUSABE BW'ICYEMEZO CY'AGATEGANYO CYANGWA UBW'IHAGARIKWA RY'AGATEGANYO RY'IBICURUZWA BIKEKWAHO KWIGANWA BISABIRWA GUHAGARIKA IKWIRAKWIZWA RYABYO	**CHAPTER VI: AMOUNT OF SECURITY OR EQUIVALENT ASSURANCE FOR APPLICATION SEEKING PROVISIONAL MEASURE OR SUSPENSION OF SUSPECTED COUNTERFEIT GOODS INTO FREE CIRCULATION**	**CHAPITRE VI : MONTANT DE LA GARANTIE OU DE LA CAUTION ÉQUIVALENTE POUR LA DEMANDE DE MESURE PROVISOIRE OU DE SUSPENSION DE LA MISE EN LIBRE CIRCULATION DES MARCHANDISES PRÉSUMÉES CONTREFAITES**
Ingingo ya 37: Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo bitangwa ku busabe bw'icyemezo cy'agateganyo	**Article 37: Security or equivalent assurance for a provisional measure**	**Article 37 : Garantie ou caution équivalente pour la mesure provisoire**

Ingingo ya 38: Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo ku busabe bwo guhagarika by'agateganyo ibicuruzwa bikekwaho kwiganwa	**Article 38: Security or equivalent assurance for suspension of suspected counterfeit goods**	**Article 38 : Garantie ou caution équivalente pour la suspension des marchandises présumées contrefaites**
UMUTWE WA VII: AMAFARANGA YAGENWE YISHYURWA KURI SERIVISI ZO KURENGERA UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE N'AHO ASHYIRWA	**CHAPTER VII: AMOUNT OF PRESCRIBED FEES PAYABLE FOR THE SERVICES OF PROTECTION OF INTELLECTUAL PROPERTY AND THEIR DEPOSIT ARRANGEMENTS**	**CHAPITRE VII : MONTANT DES FRAIS PRESCRITS PAYABLES POUR LES SERVICES DE PROTECTION DE LA PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE ET LEUR DÉPOT**
Ingingo ya 39: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 39: Fees payable for the services of protection of intellectual property**	**Article 39 : Frais payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle**
Ingingo ya 40: Kwishyura mu mafaranga y'amahanga	**Article 40: Payment in foreign currencies**	**Article 40 : Paiement en monnaies étrangères**
Ingingo ya 41: Aho amafaranga ya serivisi ashyirwa	**Article 41: Destination of service fees**	**Article 41 : Destination des frais de service**
UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 42: Ingingo y'ururimi	**Article 42: Language provision**	**Article 42 : Disposition linguistique**
Ingingo ya 43: Gutangira gukurikizwa	**Article 43: Entry into force**	**Article 43 : Entrée en vigueur**

IMIGEREKA: **Umugereka wa 1: Imiterere y'inyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda** **Umugereka 2: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge**	**ANNEXES:** **Annex 1: Format of power of attorney in industrial property matters** **Annex 2: Fees payable for the services of protection of intellectual property**	**ANNEXES :** **Annexe 1 : Format du mandat en matière de la propriété industrielle** **Annexe 2 : Frais payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle**

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 001/MINICOM/26 RYO KU WA 12/10/2026 RYEREKEYE UMUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA, INGANO Y'INGWATE ITANGWA KU IHAGARIKWA RY'IBICURUZWA BIKEKWAHO KWIGANWA N'AMAFARANGA YISHYURWA KURI SERIVISI ZO KURENGERA UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE	**MINISTERIAL ORDER Nº 001/MINICOM/26 OF 12/10/2026 RELATING TO INDUSTRIAL PROPERTY, SECURITY PROVIDED FOR APPLICATION OF SUSPENSION OF SUSPECTED COUNTERFEIT GOODS AND FEE PAYABLE FOR SERVICE OF PROTECTION OF INTELLECTUAL PROPERTY**	**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 001/MINICOM/26 DU 12/10/2026 RELATIF À LA PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE, À LA GARANTIE EXIGÉE POUR LA DEMANDE DE SUSPENSION DES MARCHANDISES SOUPÇONNÉES DE CONTREFAÇON ET AUX FRAIS PAYABLES POUR LES SERVICES DE PROTECTION DE LA PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE**
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;	**The Minister of Trade and Industry;**	**Le Ministre du Commerce et de l'Industrie ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda ;
Ashingiye ku Itegeko n° 055/2024 ryo ku wa 20/06/2024 ryerekeye kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 30, iya 58, iya 89, iya 116, iya 151, iya 196, iya 242, iya 251, iya 355, iya 367 n'iya 383;	Pursuant to Law n° 055/2024 of 20/06/2024 on the protection of intellectual property, especially in Articles 29, 30, 58, 89, 116, 151, 196, 242, 251, 355, 367 and 383;	Vu la Loi n° 055/2024 du 20/06/2024 portant protection de la propriété intellectuelle, spécialement en ses articles 29, 30, 58, 89, 116, 151, 196, 242, 251, 355, 367 et 383 ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 04/03/2026 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 04/03/2026;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 04/03/2026 ;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena –	This Order determines –	Le présent arrêté détermine –
(a) abagize Akanama k'ubujurire n'imikorere yako mu byerekeye impaka zo gutambamira itangwa ry'urupapuro mpamo rw'umutungo bwite mu by'inganda no kwanga kwandika amasezerano y'uruhushya no kwegurira undi muntu umutungo bwite mu by'inganda;	(a) the composition and functioning of the Appeal Committee for disputes related to the opposition to the granting of industrial property title, and the refusal to record a contractual licence and assignment of industrial property;	(a) la composition et le fonctionnement du Comité de recours en matière de litiges relatifs à l'opposition à l'octroi d'un titre de propriété industrielle, et au refus d'inscription d'une licence contractuelle et d'une cession de propriété industrielle ;
(b) uburyo bwo gutambamira itangwa ry'impamyabuvumbuzi, iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, iry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki n'iry'ikimenyetso ndangahantu;	(b) modalities for opposing the grant of a patent for an invention, utility model, industrial design, layout design of integrated circuit, and geographical indication;	(b) les modalités d'opposition à l'octroi d'un brevet d'invention, d'un modèle d'utilité, d'un dessin et modèle industriels, d'un schéma de configuration de circuit intégré et d'une indication géographique ;
(c) ibisabwa bijyanye n'imikorere y'intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda n'imiterere y'inyandiko itanga ububasha;	(c) requirements for performance of an industrial property agent and the format for power of attorney;	(c) les exigences relatives à l'exercice d'un mandataire de propriété industrielle et le format du mandat ;

(d) uburyo n'igihe cy'itangwa by'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka;	(d) modalities and period within which an ex officio compulsory licence of patent is granted;	(d) les modalités et la période pendant laquelle la licence obligatoire d'office sur le brevet est octroyée ;
(e) ingano y'ingwate cyangwa iy'ubwishingire bungana na yo ku –	(e) the amount of security or equivalent assurance for –	(e) le montant de garantie ou de caution équivalente pour –
(i) busabe bw'icyemezo cy'agateganyo kirebana n'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge hagamijwe kurinda uregwa no gukumira ubuhemu;	(i) the application for a provisional measure concerning intellectual property rights intended to protect the defendant and prevent abuse; or	(i) la demande d'une mesure provisoire relative aux droits de propriété intellectuelle visant à protéger le défendeur et à prévenir les abus ; ou
(ii) cyangwa ihagarikwa ry'agateganyo ry'ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa bikekwaho kwiganwa;	(ii) suspension of the release of suspected counterfeit goods into free circulation;	(ii) la suspension de la mise en libre circulation des marchandises présumées contrefaites ;
(f) ingano y'amafaranga yagenwe yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge n'uburyo yishyurwa.	(f) the amount of prescribed fees payable for the services of protection of intellectual property and their deposit arrangements.	(f) le montant des frais prescrits payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle et leurs modalités de dépôt.
<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura	**<u>Article 2</u>: Interpretation**	**<u>Article 2</u> : Interprétation**
Muri iri teka, **«ubuyobozi bubifitiye ububasha»** bivuga urwego rufite mu nshingano kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge.	In this Order, **"competent authority"** means the organ in charge of protection of intellectual property.	Dans le présent arrêté, **« autorité compétente »** signifie l'organe ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions.

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'AKANAMA K'UBUJURIRE MU MPAKA ZEREKEYE UMUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE APPEAL COMMITTEE FOR DISPUTES RELATED TO INDUSTRIAL PROPERTY**	**CHAPITRE II : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ DE RECOURS POUR LES LITIGES EN MATIÈRE DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**
Ingingo ya 3: Abagize Akanama k'ubujurire na manda yabo	**Article 3: Composition and term of office of the Appeal Committee**	**Article 3 : Composition et mandat du Comité de recours**
(1) Akanama k'ubujurire kagizwe nibura n'abantu barindwi bafite ubumenyi mu by'umutungo bwite mu by'ubwenge, mu mategeko, mu bumenyi n'ikoranabuhanga cyangwa ibindi bisa na byo, kandi bakaba bagaragaza ubushobozi bwo gukemura ibibazo mu ngeri zitandukanye.	(1) The Appeal Committee is composed of at least seven members with expertise in intellectual property, law, science and technology or other related fields, and demonstrating the ability to handle complex matters.	(1) Le Comité de recours est composé d'au moins sept membres ayant une expertise en propriété intellectuelle, en droit, en science et technologie ou dans d'autres domaines connexes, et démontrant la capacité à traiter des questions complexes.
(2) Akanama k'ubujurire kagizwe na Perezida, Visi Perezida n'abandi bakagize bashyirwaho na Minisitiri ufite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano.	(2) The Appeal Committee comprises the Chairperson, Vice-Chairperson and other members appointed by the Minister in charge of intellectual property.	(2) Le Comité de recours comprend le Président, le Vice-Président et d'autres membres nommés par le Ministre ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions.
(3) Abagize Akanama k'ubujurire batoranywa mu nzego za Leta, mu z'abikorera no mu miryango atari iya Leta.	(3) Members of the Appeal Committee are selected from public sector, private sector and civil society.	(3) Les membres du Comité de recours sont sélectionnés dans le secteur public, dans le secteur privé et dans la société civile.
(4) Abagize Akanama k'ubujurire bagira manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe.	(4) Members of the Appeal Committee serve a term of three years renewable once.	(4) Les membres du Comité de recours ont un mandat de trois ans renouvelable une fois.

Ingingo ya 4: Kureka kuba ugize Akanama k'ubujurire	**Article 4: Cessation of membership**	**Article 4 : Cessation de la qualité de membre**
(1) Umuntu areka kuba umwe mu bagize Akanama k'ubujurire iyo –	(1) A person ceases to be a member of the Appeal Committee if they –	(1) Une personne cesse d'être membre du Comité de recours lorsqu'elle –
(a) asezeye;	(a) resign;	(a) démissionne ;
(b) yirukanwe;	(b) are dismissed; or	(b) est révoquée ; ou
(c) cyangwa apfuye.	(c) die.	(c) décède.
(2) Minisitiri ufite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano ashobora kwirukana ugize Akanama k'ubujurire kubera ubushobozi bucye, imyitwarire mibi cyangwa kunanirwa gukora inshingano.	(2) The Minister in charge of intellectual property may dismiss a member of the Appeal Committee for incapability, misconduct or poor performance of duties.	(2) Le Ministre ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions peut révoquer un membre du Comité de recours pour l'incapacité, pour la mauvaise conduite ou pour la mauvaise exécution des attributions.
Ingingo ya 5: Imicungire	**Article 5: Management**	**Article 5 : Gestion**
(1) Perezida w'Akanama k'ubujurire ayobora kandi agahuza ibikorwa by'Akanama k'ubujurire.	(1) The Chairperson of the Appeal Committee manages and coordinates the activities of the Appeal Committee.	(1) Le Président du Comité de recours gère et coordonne les activités du Comité de recours.
(2) Akanama k'ubujurire gashobora gushyiraho komite hakurikijwe ubumenyi bw'abakagize hagamijwe gushyira mu bikorwa mu buryo bunoze inshingano zako.	(2) The Appeal Committee may form sub-committees considering the expertise of its members to ensure effective performance of its responsibilities.	(2) Le Comité de recours peut former des sous-comités en fonction de l'expertise de ses membres pour assurer l'exécution efficace de ses attributions.
(3) Minisiteri ifite umutungo bwite mu	(3) The Ministry in charge of intellectual	(3) Le Ministère ayant la propriété

by'ubwenge mu nshingano ishyiraho umunyamabanga w'Akanama k'ubujurire kandi ntari mu bagize Akanama k'ubujurire.	property nominates the Secretary of the Appeal Committee and has no membership status.	intellectuelle dans ses attributions nomme le secrétaire du Comité de recours et n'a pas de qualité de membre.
Ingingo ya 6: Itangwa ry'ubujurire	**Article 6: Submission of appeal**	**Article 6 : Soumission du recours**
Ubujurire bushyikirizwa Akanama k'ubujurire binyuze muri Minisiteri ifite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano.	The appeal is addressed to the Appeal Committee through the Ministry in charge of intellectual property.	Le recours est adressé au Comité de recours par l'intermédiaire du Ministère ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions.
Ingingo ya 7: Inama	**Article 7: Meetings**	**Article 7 : Réunions**
(1) Akanama k'ubujurire gaterana kugira ngo gucyemure ibibazo by'ubujurire ku byemezo byafashwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, kandi gafata icyemezo ku kibazo mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi kakiriyeho ubujurire.	(1) The Appeal Committee meets to resolve appeal cases against decisions made by the competent authority, and decides on the matter within 30 days from the date of the reception of the appeal.	(1) Le Comité de recours se réunit pour résoudre les cas de recours contre les décisions prises par l'autorité compétente, et statue sur la question endéans 30 jours à compter du jour de la réception du recours.
(2) Akanama k'ubujurire gashobora kongera igihe giteganywa mu gika cya (1) bitewe n'imiterere y'ikibazo cyangwa inyandiko kagombwa gushyikirizwa, kandi kakamenyesha mu nyandiko abo bireba impamvu zo kongera icyo gihe.	(2) The Appeal Committee may extend the period provided for in Paragraph (1) depending on the complexity of the case or the documents to be submitted, and informs interested parties, in writing, of the grounds for the extension.	(2) Le Comité de recours peut prolonger le délai prévu au paragraphe (1) en fonction de la complexité du cas ou des documents à soumettre, et informe, par écrit, les parties intéressées des motifs de cette extension.

Ingingo ya 8: Itumizwa ry'inama n'ifatwa ry'ibyemezo	**Article 8: Convening a meeting and decision making**	**Article 8 : Convocation d'une réunion et prise de décision**
(1) Inama y'Akanama k'ubujurire itumizwa mu nyandiko na Perezida cyangwa Visi Perezida, igihe Perezida adahari, bitewe n'ibibazo byashyikirijwe Akanama k'ubujurire kugira ngo bisuzumwe.	(1) A meeting of the Appeal Committee is convened in writing by the Chairperson or the Vice-Chairperson, in case of absence of the Chairperson, depending on the cases submitted for review.	(1) La réunion du Comité de recours est convoquée par écrit par le Président ou par le Vice-Président, en cas d'absence du Président, en fonction des cas soumis pour examen.
(2) Ubutumire bw'inama y'Akanama k'ubujurire bugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, umunsi, igihe n'aho inama izabera kandi bushyikirizwa mu nyandiko abagize Akanama k'ubujurire nibura iminsi 15 mbere y'uko inama iterana.	(2) The invitation to the meeting of the Appel Committee details the agenda, date, time and venue of the meeting and is submitted in writing to members of the Appeal Committee, at least 15 days before the meeting is held.	(2) La convocation de la réunion du Comité de recours précise l'ordre du jour, la date, l'heure et le lieu de la réunion et est adressée par écrit aux membres du Comité de recours, au moins 15 jours avant la tenue de la réunion.
(3) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Akanama k'ubujurire iterane ni bibiri bya gatatu by'abakagize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse, inama irasubikwa ikongera gutumizwa mu gihe kitarenze iminsi 15.	(3) The quorum of the meeting of the Appeal Committee is two thirds of its members. If the quorum is not met, the meeting is postponed and reconvened within 15 days.	(3) Le quorum de la tenue de la réunion du Comité de recours est de deux tiers de ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée et convoquée de nouveau dans un délai de 15 jours.
(4) Akanama k'ubujurire gafata ibyemezo mu bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama. Mu gihe ubwumvikane budashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'abitabiriye inama.	(4) The Appeal Committee takes decisions by consensus of members present at the meeting. In case of lack of consensus, decisions are made by absolute majority votes of members present.	(4) Le Comité de recours prend ses décisions par consensus des membres présents à la réunion. À défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents.

(5) Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire ni ndakuka kandi cyubahirizwa n'abo bireba, uretse iyo kiregewe urukiko rubifitiye ububasha, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi abo bireba bakiriyeho icyo cyemezo.	(5) The decision of the Appeal Committee is conclusive and binds concerned parties, unless the case is referred to the competent court, within 30 days from the date of reception of the decision by the parties.	(5) La décision du Comité de recours est définitive et lie les parties concernées, sauf la saisine de la juridiction compétente, endéans 30 jours à compter du jour de réception de cette décision par les parties.
Ingingo ya 9: Itumizwa mu nama ry'undi muntu ushobora kungura inama Akanama k'ubujurire	**Article 9: Invitation of a resource person in the meeting**	**Article 9 : Invitation d'une personne ressource à la réunion**
Akanama k'ubujurire, binyuze kuri Perezida wako, gashobora gutumira mu nama yako undi muntu ushobora kukungura inama bitewe n'ibiri ku murongo w'ibyigwa. Icyakora, umuntu watumiwe ntagomba kuba afite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo yatumiwemo, kandi uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana impaka ku zindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.	The Appeal Committee, through its Chairperson, may invite in its meeting another person from whom it may seek advice, depending on the agenda items to be discussed. However, the invited resource person must not have direct or indirect interest in the agenda item, and the invited person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda.	Le Comité de recours, à travers son Président, peut inviter à sa réunion une autre personne dont il peut obtenir des conseils en fonction des points à l'ordre du jour à traiter. Toutefois, la personne ressource invitée ne doit pas avoir un intérêt direct ou indirect dans le point à l'ordre du jour et la personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur les autres points à l'ordre du jour.
Ingingo ya 10: Itumizwa ry'abo bireba mu nama	**Article 10: Invitation of concerned parties to attend the meeting**	**Article 10 : Invitation des parties concernées à assister à la réunion**
(1) Akanama k'ubujurire gashobora, mu nyandiko –	(1) The Appeal Committee may, in writing–	(1) Le Comité de recours peut, par écrit–
(a) gutumira uwo bireba umwe agatanga ibisobanuro;	(a) invite one party to provide clarifications;	(a) inviter une partie à fournir des éclaircissements ;
(b) gutumira abo bireba bombi bakajya impaka imbere y'abagize	(b) invite both parties in debate before the Appeal Committee; or	(b) inviter les deux parties pour un débat devant le Comité de recours ;

Akanama k'ubujurire; (c) cyangwa gusaba abo bireba bombi gutanga ikimenyetso bafite cyangwa bafiteho uburenganzira Akanama k'ubujurire kabona ko gikenewe kugira ngo karangize inshingano zako. (2) Ubutumire bugaragaza igihe n'aho inama izabera.	(c) require both parties to provide evidence in possession or under their control that the Appeal Committee considers necessary to fulfil its responsibilities. (2) The invitation specifies the time and place of the meeting.	ou (c) exiger les deux parties à produire une preuve en leur possession ou sous leur contrôle que le Comité de recours juge nécessaire pour remplir ses attributions. (2) L'invitation précise l'heure et le lieu de la réunion.
<u>Ingingo ya 11</u>: Gusaba amakuru cyangwa ibisobanuro Akanama k'ubujurire gashobora gusaba – (a) ubuyobozi bubifitiye ububasha, umuntu cyangwa ikigo kugaha inyandiko cyangwa amakuru ashobora kugafasha gusuzuma no gukusanya amakuru kuri dosiye kari gusuzuma; (b) cyangwa ibisobanuro ku byemezo cyangwa ku ngamba byafashwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyangwa ku kirego cy'uwajuriye kigaragara muri dosiye isuzumwa.	**<u>Article 11</u>: Request for information or explanations** The Appeal Committee may request – (a) the competent authority, a person or entity to provide a document or information which may help in the examination and collection of information on the file under review; or (b) explanations on decisions or actions taken by the competent authority or the complainant's claim indicated in a file under review.	**<u>Article 11</u> : Demande d'informations ou d'explications** Le Comité de recours peut demander – (a) à l'autorité compétente, à une personne ou à une entité de fournir un document ou des informations susceptibles d'aider à l'examen et à la collecte des informations sur le dossier en cours d'examen ; ou (b) des explications sur les décisions ou les mesures prises par l'autorité compétente ou sur la plainte du plaignant indiquée dans le dossier en cours d'examen.

Ingingo ya 12: Ububasha bw'Akanama k'ubujurire ku cyemezo cyo kwemeza cyangwa gukuraho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha	**Article 12: Power of the Appeal Committee for confirmation or revocation of the decision of the competent authority**	**Article 12 : Pouvoir du Comité de recours pour confirmer ou révoquer la décision de l'autorité compétente**
Akanama k'ubujurire gashobora kwemeza cyangwa gukuraho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyerekeye itambamira ry'itangwa ry'icyemezo cy'umutungo bwite mu by'inganda no kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu umutungo bwite mu by'inganda.	The Appeal Committee may confirm or revoke the decision of the competent authority in relation to opposition to granting of an industrial property title, and refusal to record an industrial property assignment.	Le Comité de recours peut confirmer ou révoquer la décision de l'autorité compétente relative à l'opposition à l'octroi d'un titre de propriété industrielle, et au refus d'enregistrer un transfert de la propriété industrielle.
Ingingo ya 13: Kureka ubujurire	**Article 13: Withdrawal of the appeal**	**Article 13 : Désistement du recours**
(1) Uwajuriye, igihe cyose, ashobora kureka ubujurire abikoze mu nyandiko mbere y'uko Akanama k'ubujurire gafata icyemezo ku bujurire.	(1) An appellant, at any time in writing, may withdraw the appeal before the Appeal Committee takes the decision on the appeal.	(1) Un appelant, à tout moment, par écrit, peut se désister du recours avant que le Comité de recours ne statue sur le recours.
(2) Iyo uwajuriye aretse ubujurire, Akanama k'ubujurire gahita gahagarika isuzuma ry'ubujurire kakamenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(2) If an appellant withdraws the appeal, the Appeal Committee immediately ceases the examination of the appeal and informs the competent authority.	(2) Lorsqu'un appelant se désiste du recours, le Comité de recours cesse immédiatement d'examiner l'appel et informe l'autorité compétente.
(3) Iyo ubujurire bumwe butanzwe n'abantu barenze umwe, kureka ubujurire k'umwe cyangwa kwa benshi muri bo ntibiha Akanama k'ubujurire uburenganzira bwo guhagarika gusuzuma ubujurire ku	(3) If an appeal is submitted by more than one appellant, the withdrawal of the appeal by one or more of them does not grant the Appeal Committee the right to suspend the review, in respect of the applicant who has not withdrawn the	(3) Lorsqu'un appel est présenté par plus d'un seul appelant, le retrait du recours par un ou par plusieurs d'entre eux ne confère pas au Comité de recours le droit de suspendre l'examen à l'égard de l'appelant qui ne s'est pas désisté du

birebana n'uwajuriye utigeze abureka.	appeal.	recours.
Ingingo ya 14: Guhuza ubujurire	**Article 14: Joinder of appeals**	**Article 14 : Jonction de recours**
(1) Iyo Akanama k'ubujurire kakiriye ubujurire burenze bumwe kandi ubwo bujurire bukaba bureba ikibazo kimwe cyangwa ibibazo bifitanye isano, gashobora gufata umwanzuro wo guhuza ubwo bujurire bugasuzumirwa hamwe nk'ikibazo kimwe.	(1) If the Appeal Committee receives more than one appeal, which are connected or related to a same matter, it may decide to combine the appeal cases and examine them as a single case.	(1) Lorsque le Comité de recours reçoit plusieurs recours qui sont connexes ou qui portent sur une même question, il peut décider de combiner les cas de recours et les examiner comme un seul cas.
(2) Iyo Akanama k'ubujurire gafashe umwanzuro wo guhuza ubujurire no kubusuzumira hamwe kamenyesha, mu nyandiko, ubuyobozi bubifitiye ububasha n'abajuriye.	(2) If the Appeal Committee decides to join the cases and consider them as a single case, it informs, in writing, the competent authority and the appellants.	(2) Lorsque le Comité de recours décide de joindre les recours et de les traiter comme un seul cas, il en informe, par écrit, l'autorité compétente et les appelants.
(3) Abajuriye bafite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo ku buryo bwo gusuzuma ikibazo bwemejwe n'Akanama k'ubujurire, mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uhereye ku munsi abajuriye bamenyesherejweho umwanzuro mu nyandiko. Akanama k'ubujurire gafata umwanzuro wa nyuma ku buryo bwo gusuzuma ikibazo gakoresha.	(3) The appellants are entitled to comment on the mode of review adopted by the Appeal Committee, within 15 days from the date the appellants receive the written notice of the decision. The Appeal Committee takes the final decision on the mode of review to be used.	(3) Les appelants ont le droit de commenter sur le mode d'examen adopté par le Comité de recours, endéans 15 jours à compter du jour où les appelants reçoivent la notification écrite de la décision. Le Comité de recours prend la décision finale sur le mode d'examen à utiliser.
Ingingo ya 15: Guhagararirwa	**Article 15: Representation**	**Article 15 : Représentation**
Uwajuriye ashobora guhagararirwa n'undi	An appellant may be represented, in the	Un appelant peut être représenté dans la

muntu yabihereye ububasha, mu nama y'Akanama k'ubujurire.	meeting of the Appeal Committee, by another person with a power of attorney.	réunion du Comité de recours, par une autre personne munie d'une procuration.
Ingingo ya 16: Igongana ry'inyungu	**Article 16: Conflict of interests**	**Article 16 : Conflits d'intérêts**
(1) Iyo umwe mu bagize Akanama k'ubujurire ari we wajuriye cyangwa afite inyungu itaziguye mu kibazo, ntagira uruhare mu isuzumwa ry'icyo kibazo kugeza umwanzuro ufashwe.	(1) If a member of the Appeal Committee has submitted an appeal or has a direct interest in the case, that member does not take part in deliberations on the case until the decision has been taken.	(1) Lorsqu'un membre du Comité de recours a présenté un recours ou a un intérêt direct dans le cas, ce membre ne participe pas aux délibérations sur ce cas jusqu'à ce que décision soit prise.
(2) Iyo umwe mu bagize Akanama k'ubujurire afitanye isano cyangwa ubwumvikane buke n'uwajuriye, amenyesha, mu nyandiko, ikibazo Akanama k'ubujurire agasaba kwiheza mu gihe hasuzumwa ubwo bujurire.	(2) If a member of the Appeal Committee has a relationship with, or a conflict involving the appellant, that member informs in writing the Appeal Committee of the issue, and requests to be excluded from the review proceedings of the appeal.	(2) Lorsqu'un membre du Comité de recours a un lien ou n'est pas en bons termes avec l'appelant, ce membre informe par écrit le Comité de recours du problème et demande d'être exclu de la procédure d'examen de ce recours.
Ingingo ya 17: Gutanga raporo	**Article 17: Submission of report**	**Article 17 : Soumission du rapport**
(1) Akanama k'ubujurire gashyikiriza abo bireba n'ubuyobozi bubifitiye ububasha raporo y'icyemezo kafashe ku bujurire.	(1) The Appeal Committee submits a report on the decision taken on the appeal to the concerned parties and the competent authority.	(1) Le Comité de recours soumet aux parties concernées et à l'autorité compétente le rapport de décision prise sur le recours.
(2) Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire gishyirwa mu bikorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi ibarwa nyuma y'irangira ry'igihe cyo kuregera urukiko giteganywa mu ngingo ya 8(5), iyo ababifitemo inyungu	(2) The decision of the Appeal Committee is executed within seven days after the expiry of the time limit for filing a lawsuit provided for in Article 8(5), if the interested parties failed to seize the court.	(2) La décision du Comité de recours est exécutée endéans sept jours après l'expiration du délai pour intenter une action en justice prévue à l'article 8(5), lorsque les parties intéressées n'ont pas saisi la juridiction.

bataregeye urukiko.		
(3) Akanama k'ubujurire gaha raporo y'ibikorwa y'umwaka Minisiteri ifite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano kagaha kopi ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(3) The appeal Committee submits an annual report of activities to the Ministry in charge of intellectual property with a copy to the competent authority.	(3) Le Comité de recours soumet le rapport annuel des activités au Ministère ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions et donne copie à l'autorité compétente.
Ingingo ya 18: Ingengo y'imari	**Article 18: Budget**	**Article 18 : Budget**
Minisiteri ifite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano igenera ingengo y'imari Akanama k'ubujurire, kugira ngo kagere ku ntego yako.	The Ministry in charge of intellectual property provides a budget to the Appeal Committee, for the fulfilment of its mission.	Le Ministère ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions fournit le budget au Comité de recours, afin d'accomplir sa mission.
UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTAMBAMIRA ITANGWA RY'IMPAPUROMPAMO KU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**CHAPTER III: MODALITIES FOR OPPOSING THE GRANT OF INDUSTRIAL PROPERTY TITLES**	**CHAPITRE III : MODALITÉS D'OPPOSITION À L'OCTROI DE TITRES DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**
Ingingo ya 19: Impamvu zo gutambamira itangwa ry'impapurompamo ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 19: Grounds for opposing the grant of industrial property titles**	**Article 19 : Motifs d'opposition à l'octroi de titres de propriété industrielle**
Impamvu zo gutambamira itangwa ry'impapurompamo ku mutungo bwite mu by'inganda zikubiyemo izi zikurikira:	The grounds for opposing the grant of industrial property titles include the following:	Les motifs d'opposition à l'octroi de titres de propriété industrielle comprennent ce qui suit :
(a) umutungo bwite mu by'inganda utujuje ibisabwa kugira ngo wandikwe;	(a) the industrial property that does not meet the requirements for registration;	(a) la propriété industrielle qui ne remplit pas les exigences pour l'enregistrement ;

(b) usaba iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda atari we muvumbuzi cyangwa adafite uburenganzira bwo gusaba iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda;	(b) the applicant for the registration of industrial property, who is not the inventor or does not have the right to apply for the registration of industrial property;	(b) le demandeur de l'enregistrement de la propriété industrielle qui n'est pas l'inventeur, ou ne dispose pas du droit de demander l'enregistrement de la propriété industrielle ;
(c) indi mpamvu yatuma iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda riteshwa agaciro.	(c) any other reason that would invalidate the registration of industrial property.	(c) l'autre motif pouvant invalider l'enregistrement de la propriété industrielle.
Ingingo ya 20: Uburyo bwo gutambamira	**Article 20: Opposition procedure**	**Article 20 : Procédure d'opposition**
(1) Umuntu utambamira itangwa ry'impamyabuvumbuzi cyangwa iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki yuzuza inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) A person who opposes the grant of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit fills out the opposition form prescribed by the competent authority.	(1) La personne qui s'oppose à l'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou à l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels ou d'un schéma de configuration du circuit intégré remplit le formulaire d'opposition prescrit par l'autorité compétente.
(2) Igihe ntarengwa cyo gutanga itambamira ni iminsi 60 ibarwa uhereye ku munsi ubusabe bwo kwandikisha butangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	(2) The timeframe to submit an opposition is 60 days from the date the application for registration is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	(2) Le délai de dépôt d'une opposition est de 60 jours à compter du jour où la demande d'enregistrement est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.

(3) Ubuyobozi bubifitiye ububasha, mu gihe kitarenze iminsi irindwi ibarwa uhereye ku munsi itambamira ryakiriweho, bumenyesha usaba guhabwa impamyabuvumbuzi cyangwa icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki kugira ngo atange ibisobanuro kuri iryo tambamira.	(3) The competent authority, within seven days from the date of receipt of the opposition, notifies the applicant for granting of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit, allowing them to respond to that opposition.	(3) L'autorité compétente, endéans sept jours à compter du jour de réception de l'opposition, notifie au demandeur d'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou d'enregistrement d'un dessin ou modèle industriel et d'un schéma de configuration du circuit intégré, lui permettant de répondre à cette opposition.
(4) Usaba itangwa ry'impamyabuvumbuzi cyangwa iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki atanga ibisobanuro ku itambamira mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi yamenyesherejweho.	(4) The applicant for grant of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit provides a response to the opposition, within 30 days of receipt of the notice.	(4) Le demandeur d'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou d'enregistrement d'un dessin ou modèle industriel et d'un schéma de configuration du circuit intégré fournit une réponse à l'opposition, endéans 30 jours suivant la réception de l'avis.
(5) Iyo usaba itangwa ry'impamyabuvumbuzi cyangwa iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, cyangwa iyandikwa	(5) If the applicant for grant of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit does not provide	(5) Lorsque le demandeur d'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou d'enregistrement d'un dessin ou modèle industriel ou d'un schéma de

ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki adatanze ibisobanuro ku itambamira, ubusabe bufatwa nk'aho yaburetse kandi bugasibwa mu gitabo.	explanations on the opposition, the application is considered as abandoned and withdrawn from the registry.	configuration du circuit intégré ne fournit pas d'explications sur l'opposition, la demande est considérée comme abandonnée et retirée du registre.
(6) Iyo usaba itangwa ry'impamyabuvumbuzi cyangwa iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi buciriritse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki atanze ibisobanuro ku itambamira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwohererezа kopi y'igisubizo uwakoze itambamira.	(6) If the applicant for grant of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit provides explanations about the opposition, the competent authority transmits a copy of the response to the opposing party.	(6) Lorsque le demandeur d'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou d'enregistrement d'un dessin ou modèle industriel ou d'un schéma de configuration du circuit intégré fournit des explications sur l'opposition, l'autorité compétente transmet une copie de la réponse à la partie opposante.
(7) Nyuma yo kumva abo bireba bombi no gusuzuma ishingiro ry'itambamira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bufata umwanzuro ku itambamira bukamenyesha abo bireba, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi wa nyuma wo kumva abo bireba bombi.	(7) After hearing the parties and examining the relevance of the opposition, the competent authority decides on the opposition and notifies the parties, within 30 days from the last day of hearing both parties.	(7) Après avoir entendu les parties et examiné la pertinence de l'opposition, l'autorité compétente statue sur l'opposition et en informe les parties, endéans 30 jours à compter du dernier jour d'audition des deux parties.

(8) Umwe mu bo bireba ashobora kujuririra icyemezo ku itambamira ry'itangwa ry'impamyabuvumbuzi cyangwa iry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa iry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki mu Kanama k'ubujurire, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsi yamenyesherejweho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(8) A party may appeal against a decision on opposition to the grant of a patent or utility model, or registration of an industrial design or layout-design of integrated circuit, before the Appeal Committee, within 30 days from the date of notification of the decision of the competent authority.	(8) Une partie peut faire appel de la décision d'opposition à l'octroi d'un brevet ou d'un modèle d'utilité, ou d'enregistrement d'un dessin ou modèle industriel ou d'un schéma de configuration du circuit intégré, devant la Comité de recours, endéans 30 jours à compter du jour de notification de la décision de l'autorité compétente.
UMUTWE WA IV: IBISABWA BIJYANYE N'IMIKORERE Y'INTUMWA KU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA N'IMITERERE Y'INYANDIKO ITANGA UBUBASHA	**CHAPTER IV: REQUIREMENTS FOR PERFORMANCE OF AN INDUSTRIAL PROPERTY AGENT AND POWER OF ATTORNEY FORMAT**	**CHAPITRE IV : EXIGENCES RELATIVES À L'EXERCICE D'UN MANDATAIRE DE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE ET LE FORMAT DU MANDAT**
Ingingo ya 21: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 21: Requirements to become an industrial property agent**	**Article 21 : Exigences pour devenir mandataire de propriété industrielle**
(1) Umuntu aba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda iyo yujuje ibisabwa bikurikira:	(1) A person becomes an industrial property agent, if they fulfil the following requirements:	(1) Une personne devient mandataire en propriété industrielle lorsqu'elle remplit les exigences suivantes :

(a) kuba ari Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga uba mu Rwanda uhamaze nibura amezi atandatu;	(a) to be a Rwandan or foreigner residing in Rwanda for a period not less than six months;	(a) être Rwandais ou un étranger résidant au Rwanda depuis une période d'au moins six mois ;
(b) kuba afite nibura *Bachelor's Degree* mu cyiciro icyo ari cyo cyose, kandi afite ubumenyi mu bijyanye n'umutungo bwite mu by'ubwenge, bigaragazwa n'icyemezo gitangwa n'ikigo cyemewe kizobereye mu mahugurwa mu by'umutungo bwite mu by'ubwenge;	(b) to hold at least a Bachelor's Degree in any discipline, and demonstrate knowledge of intellectual property systems, attested by a certificate issued by a recognised institute specialising in intellectual property training;	(b) être titulaire d'au moins un *Bachelor's Degree* dans n'importe quelle discipline, et justifier d'une connaissance des systèmes de propriété intellectuelle, attestée par un certificat délivré par un institut reconnu spécialisé dans la formation en propriété intellectuelle ;
(c) kuba afite nibura imyaka itanu y'uburambe mu by'amategeko, mu nyigisho y'ubumenyi cyangwa ubumenyingiro;	(c) to have at least five years of professional experience in law, a scientific discipline or technical field;	(c) avoir au moins cinq ans d'expérience professionnelle dans le domaine du droit, dans une discipline scientifique ou dans un domaine technique ;
(d) kuba ari umuntu ufite ubunyangamugayo mu mwuga kandi wubaha.	(d) to be recognised as a person of having professional integrity and respect.	(d) être reconnu comme une personne d'intégrité professionnelle et du respect.
(2) Umunyamahanga wemerewe kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihugu akomokamo, ashobora kwemererwa kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda mu Rwanda iyo igihugu akomokamo gifitanye amasezerano n'u Rwanda	(2) A foreigner licenced as an industrial property agent by the competent authority in the home country, may qualify as an industrial property agent in Rwanda if the home country of that industrial property agent has ratified agreements with Rwanda or operates under reciprocity.	(2) Un étranger agréé en tant que mandataire de propriété industrielle par l'autorité compétente dans son pays d'origine peut être qualifié de mandataire de propriété industrielle au Rwanda lorsque le pays d'origine du mandataire de propriété industrielle a ratifié des accords avec le Rwanda ou

cyangwa hashingiwe ku masezerano magirirane.		opère sous réciprocité.
Ingingo ya 22: Ubusabe bwo kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 22: Application to become an industrial property agent**	**Article 22 : Demande pour devenir mandataire de propriété industrielle**
Umuntu wifuza kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda ashyikiriza ubusabe bwanditse ubuyobozi bubifitiye ububasha.	A person who seeks to become an industrial property agent applies, in writing, to the competent authority.	Une personne qui souhaite devenir mandataire de propriété industrielle soumet une demande écrite, à l'autorité compétente.
Ingingo ya 23: Inyandiko ziherekeza ubusabe bwo kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 23: Supporting documents for application to become an industrial property agent**	**Article 23 : Documents justificatifs de la demande d'être mandataire de la propriété industrielle**
Inyandiko ziherekeza ubusabe bwo kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda ni izi zikurikira:	The supporting documents for application to become an industrial property agent are the following:	Les documents justificatifs de la demande d'être mandataire de propriété industrielle sont les suivants :
(a) inyandiko zigaragaza ko usaba yujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 21;	(a) documents testifying that the applicant meets the requirements specified in Article 21;	(a) les documents attestant que le demandeur satisfait aux exigences spécifiées à l'article 21 ;
(b) umwirondoro urambuye w'usaba;	(b) curriculum vitae of the applicant;	(b) le curriculum vitae du demandeur ;
(c) ikigaragaza ubundi bumenyi usaba afite bugendanye n'ubusabe bwe, iyo gihari;	(c) evidence of any other qualification the applicant possesses that is relevant to the application, if any;	(c) la preuve d'autre qualification que le candidat possède et qui est pertinente pour la demande, le cas échéant ;
(d) andi makuru cyangwa inyandiko usaba abona ko ari ngombwa, iyo bihari.	(d) any other information or document the applicant considers relevant, if any.	(d) les autres informations ou les documents jugés pertinents par le demandeur, le cas échéant.

Ingingo ya 24: Itangwa ry'uruhushya	**Article 24: Issuance of licence**	**Article 24 : Octroi d'une licence**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ubusabe kandi bugafata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 90 ibarwa uhereye ku munsi bwakiriyeho ubusabe.	(1) The competent authority assesses the application and takes a decision within 90 days from the date of receipt of the application.	(1) L'autorité compétente évalue la demande et prend la décision dans un délai de 90 jours à compter du jour de réception de la demande.
(2) Iyo usaba yujuje ibisabwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha butanga uruhushya mu nyandiko.	(2) If the applicant meets the requirements, the competent authority issues the licence in writing.	(2) Lorsque le demandeur répond aux exigences, l'autorité compétente octroie la licence par écrit.
(3) Iyo usaba atujuje ibisabwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumumenyesha mu nyandiko icyemezo cyo kwanga ubusabe n'impamvu zashingiweho.	(3) If the applicant fails to meet the requirements, the competent authority notifies them in writing the decision of rejection of the application and the reasons for the rejection.	(3) Lorsque le demandeur ne satisfait pas aux exigences requises, l'autorité compétente lui notifie par écrit la décision du rejet de la demande, en précisant les motifs de cette décision.
(4) Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ku rubuga rwa murandasi rwabwo urutonde rujyanye n'igihe rw'abahawe uruhushya rwo gukora nk'intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda.	(4) The competent authority publishes on its website the updated list of licenced industrial property agents.	(4) L'autorité compétente publie sur son site internet la liste mise à jour des mandataires de propriété industrielle agréés.
Ingingo ya 25: Agaciro k'uruhushya	**Article 25: Validity of licence**	**Article 25 : Validité d'une licence**
Uruhushya rugira agaciro mu gihe cy'imyaka ibiri ibarwa uhereye ku munsi rwatangiweho.	A licence is valid for a term of two years from the date of its issuance.	Une licence est valable pour une durée de deux ans à compter du jour de son octroi.

Ingingo ya 26: Kongerera igihe uruhushya	**Article 26: Renewal of licence**	**Article 26 : Renouvellement de la licence**
(1) Umuntu ufite uruhushya asaba mu nyandiko ubuyobozi bubifitiye ububasha kongerera igihe uruhushya, nibura mbere y'ukwezi gusoza umwaka wa kabiri.	(1) A person who holds a licence requests, in writing, to the competent authority for a renewal of the licence, at least one month prior to the end of the second year.	(1) La personne titulaire d'une licence demande, par écrit, à l'autorité compétente le renouvellement de la licence, au moins un mois avant la fin de deuxième année.
(2) Ufite uruhushya utarasabye ko rwongererwa igihe ntashobora kugaruka ku rutonde rw'abemerewe kuba intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda.	(2) A licence holder who has not requested for renewal of the licence cannot reappear on the list of persons authorised to act as industrial property agents.	(2) Le titulaire d'une licence qui n'a pas demandé le renouvellement de la licence ne peut pas réapparaître sur la liste des personnes autorisées à agir en qualité de mandataires de propriété industrielle.
Ingingo ya 27: Kwamburwa uruhushya	**Article 27: Revocation of licence**	**Article 27 : Révocation d'une licence**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bwambura uruhushya uwaruhawe iyo–	(1) The competent authority revokes the licence if –	(1) L'autorité compétente révoque la licence lorsque –
(a) atacyujuje kimwe mu bisabwa;	(a) the holder no longer meets one of the requirements;	(a) le titulaire ne remplit plus l'une des exigences ;
(b) atagishoboye kuzuza inshingano;	(b) the holder is no longer able to perform the duties;	(b) le titulaire n'est plus en mesure d'exercer les attributions ;
(c) bitegetswe n'icyemezo cy'urukiko;	(c) it is ordered by a court ruling; or	(c) il est ordonné par une décision judiciaire ; ou
(d) cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza	(d) the holder is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered	(d) le titulaire a fait l'objet d'une condamnation d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans

rwabaye ndakuka.	in the last instance.	un jugement rendu en dernière instance.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha mu nyandiko ufite uruhushya icyemezo cyo kwamburwa uruhushya mu gihe kitarenze iminsi 15 y'akazi ibarwa uhereye ku munsi cyafatiweho, kandi bukagaragaza impamvu. Icyakora, ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibusabwa kumenyesha ufite uruhushya impamvu yo kwamburwa uruhushya, iyo kwamburwa uruhushya byategetswe n'urukiko.	(2) The competent authority notifies the licence holder, in writing, of its decision to revoke the licence, within 15 working days from the date the decision is made, and provides the reasons for the revocation. However, the competent authority is not required to notify the licence holder of the reasons for revocation, if the revocation of the licence is ordered by a court.	(2) L'autorité compétente notifie, par écrit, le titulaire d'une licence sa décision de révocation de licence, endéans 15 jours ouvrables à compter du jour de prise de décision, et en indique les motifs. Toutefois, l'autorité compétente n'est pas tenue de notifier le titulaire de licence les motifs de la révocation, lorsque la révocation de la licence est ordonnée par une juridiction.
Ingingo ya 28: Imyitwarire	**Article 28: Code of conduct**	**Article 28 : Code de conduite**
Intumwa ku mutungo bwite mu by'inganda yubahiriza amategeko ngengamyitwarire akurikira:	An industrial property agent complies with the following rules of conduct:	Un mandataire de propriété industrielle se conforme aux règles de conduite suivantes :
(a) gukorana ubunyangamugayo ashyira inyungu z'abakiriya imbere ya byose;	(a) to act with integrity, prioritising the interests of clients above all else;	(a) agir avec intégrité en donnant la priorité aux intérêts des clients avant tout ;
(b) gukora akazi kinyamwuga ku gihe no kubahiriza amahame y'ubunyamwuga no kwita ku bakiriya;	(b) to carry out the professional work timely and with proper regard for standards of professional service and customer care;	(b) faire le travail d'une façon professionnelle, à temps, et en respectant les normes de service professionnel et de soins à la clientèle ;
(c) kudakora imirimo irimo igongana	(c) to refrain from acting in situations	(c) ne pas faire des activités où il y a le

ry'inyungu;	involving a conflict of interest;	conflit d'intérêts ;
(d) kudatanga amakuru y'ibanga uretse iyo byemewe n'itegeko rikurikizwa cyangwa bitangiwe uburenganzira n'ubuyobozi bireba;	(d) not to disclose confidential information unless permitted by applicable law or authorised by the relevant authority;	(d) ne pas divulguer les informations professionnelles sauf lorsqu'il est permis par la loi applicable ou autorisé par l'autorité concernée ;
(e) kugira imicungire myiza y'imari.	(e) to ensure the sound and compliant management of professional finances.	(e) assurer la gestion saine et conforme des finances professionnelles.
Ingingo ya 29: Imiterere y'inyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**Article 29: Format of power of attorney in industrial property matters**	**Article 29 : Format du mandat en matière de la propriété industrielle**
Imiterere y'inyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda iri ku mugereka 1.	The format of power of attorney in industrial property matters is in Annex 1.	Le format du mandat en matière de la propriété industrielle est en annexe 1.
Ingingo ya 30: Ururimi rukoreshwa mu nyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**Article 30: Language used in the power of attorney in industrial property matters**	**Article 30 : Langue utilisée dans le mandat en matière de la propriété industrielle**
Ururimi rukoreshwa mu nyandiko itanga ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda ni rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi mu Rwanda.	The language used in the power of attorney in industrial property matters is one of the official languages in Rwanda.	La langue utilisée dans le mandat en matière de la propriété industrielle est l'une des langues officielles au Rwanda.
UMUTWE WA V: UBURYO N'IGIHE URUHUSHYA RW'IMPAMYABUVUMBUZI RUTEGETSWE RUTANGWA NTA MPAKA RUTANGWAMO	**CHAPTER V: MODALITIES AND PERIOD WITHIN WHICH AN EX OFFICIO COMPULSORY LICENCE OF PATENT IS GRANTED**	**CHAPITRE V : MODALITÉS ET PÉRIODE PENDANT LAQUELLE LA LICENCE OBLIGATOIRE D'OFFICE SUR LE BREVET EST OCTROYÉE**

Ingingo ya 31: Uburyo bwo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 31: Modalities for granting an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 31 : Modalités d'octroi de la licence obligatoire d'office sur le brevet**
Minisitiri ufite kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano, amaze kugisha inama Minisitiri ufite kurinda Igihugu mu nshingano, Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano cyangwa Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano, atanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka igihe hari ibibazo byihutirwa byererekeye kurinda Igihugu, umutekano w'Igihugu, ubuzima cyangwa ibidukikije.	The Minister in charge of protection of intellectual property, after consultation with the Minister in charge of national defence, the Minister in charge of internal security, the Minister in charge of health or the Minister in charge of environment grants an ex officio compulsory licence of patent in case of national defence, national security, public health and environmental emergencies.	Le Ministre ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions, après consultation avec le Ministre ayant la défense nationale dans ses attributions, le Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions, le Ministre ayant la santé dans ses attributions ou le Ministre ayant l'environnement dans ses attributions, octroie la licence obligatoire d'office sur le brevet en cas d'urgence relative à la défense nationale, à la sécurité nationale, à la santé publique ou à l'environnement.
Ingingo ya 32: Ibikubiye mu busabe bw'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 32: Content of application for an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 32 : Contenu de la demande de la licence obligatoire d'office sur le brevet**
Ubusabe bw'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka buba bukubiyemo ibi bikurikira:	The application for an ex officio compulsory licence of patent contains the following:	La demande de licence obligatoire d'office sur le brevet contient ce qui suit :
(a) impamvu y'ubusabe;	(a) the reason of the request;	(a) le motif de la demande ;
(b) impamyabuvumbuzi irebwa n'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka;	(b) the concerned patent of an ex officio compulsory licence;	(b) le brevet concerné par la licence obligatoire d'office ;
(c) impamvu y'inyungu rusange	(c) the public interest ground justifying	(c) le motif d'intérêt public justifiant la

isobanura ko uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka rukenewe; (d) uburyo bwo gukoresha uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka.	that an ex officio compulsory licence is needed; (d) the modalities of use of an ex officio compulsory licence.	nécessité de la licence obligatoire d'office ; (d) les modalités d'utilisation de la licence obligatoire d'office.
Ingingo ya 33: Kumenyesha no kuganira ku ruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka Minisitiri ufite kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano amenyesha nyiri ubuvumbuzi ubushake bwo gutanga uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka, akanamutumira mu biganiro by'ubwumvikane ku itangwa ryarwo.	**Article 33: Notification and negotiation of ex officio compulsory licence** The Minister in charge of protection of intellectual property notifies the patent owner of the intent to grant an ex officio compulsory licence and invites the patent owner for negotiation on its granting.	**Article 33 : Notification et négociation de la licence obligatoire d'office** Le Ministre ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions notifie au titulaire du brevet l'intention d'accorder la licence obligatoire d'office et l'invite à négocier son octroi.
Ingingo ya 34: Kudatangaza amakuru ku mpamyabuvumbuzi Amakuru yatanzwe n'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi mu gihe cy'imishyikirano cyangwa mu gihe cyo gutanga raporo ku ruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka afatwa nk'ibanga kandi ashobora gukoreshwa gusa mu rwego rwo gusuzuma cyangwa gukoresha urwo uruhushya.	**Article 34: Confidentiality of patent information** Information disclosed by the patent owner during negotiations or reporting for an ex-officio compulsory licence of patent is treated as confidential and may only be used for the purposes of evaluation or utilisation of the licence.	**Article 34 : Confidentialité sur les informations du brevet** Les informations divulguées par le titulaire du brevet lors des négociations ou des rapports relatifs à la licence obligatoire d'office sur le brevet sont traitées comme confidentielles et ne peuvent être utilisées qu'aux seules fins d'évaluation ou d'utilisation de cette licence.

Ingingo ya 35: Uburyo bwo gutanga raporo no gukurikirana iyubahirizwa ry'uruhushya	**Article 35: Reporting mechanism and compliance monitoring of licence**	**Article 35 : Mécanisme de rapportage et de suivi de la conformité de licence**
(1) Uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka aha Minisitiri ufite kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano raporo ngarukagihe ku mikoreshereze y'ubuvumbuzi burengewe ikubiyemo–	(1) The licensee of an ex officio compulsory licence submits to the Minister in charge of protection of intellectual property a periodic report on the use of the patented invention, including –	(1) Le titulaire de licence soumet au Ministre ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions le rapport périodique sur l'utilisation de l'invention brevetée, comprenant –
(a) ingano n'uburyo bw'imikoreshereze y'ubuvumbuzi;	(a) extent and manner of use of the invention; and	(a) l'étendue et le mode d'utilisation de l'invention ; et
(b) n'amafaranga yavuye mu buvumbuzi, iyo bishoboka.	(b) revenues generated from the invention, if applicable.	(b) les revenus générés par l'invention, le cas échéant.
(2) Minisitiri ufite kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano ashobora gukurikirana kugira ngo arebe iyubahirizwa ry'ibikubiye mu masezerano y'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka.	(2) The Minister in charge of protection of intellectual property may conduct compliance monitoring to ensure adherence to the terms of the ex-officio compulsory licence of patent.	(2) Le Ministre ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions peut effectuer le suivi de la conformité pour garantir le respect des termes de la licence obligatoire d'office sur le brevet.
Ingingo ya 36: Igihe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka rumara	**Article 36: Period of validity of ex officio compulsory licence of patent**	**Article 36 : Durée de validité de la licence obligatoire d'office sur le brevet**
Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi	An ex officio compulsory licence of patent is	La licence obligatoire d'office sur le brevet est

rutegetswe rutangwa nta mpaka rumara amezi 12 ashobora kongerwa, iyo bibaye ngombwa.	valid for 12 months and may be renewable, where necessary.	valide pour une période de 12 mois et peut être renouvelable, lorsque nécessaire.
UMUTWE WA VI: INGANO Y'INGWATE CYANGWA IY'UBWISHINGIRE BUNGANA NA YO BITANGWA KU BUSABE BW'ICYEMEZO CY'AGATEGANYO CYANGWA UBW'IHAGARIKWA RY'AGATEGANYO RY'IBICURUZWA BIKEKWAHO KWIGANWA BISABIRWA GUHAGARIKA IKWIRAKWIZWA RYABYO	**CHAPTER VI: AMOUNT OF SECURITY OR EQUIVALENT ASSURANCE FOR APPLICATION SEEKING PROVISIONAL MEASURE OR SUSPENSION OF SUSPECTED COUNTERFEIT GOODS INTO FREE CIRCULATION**	**CHAPITRE VI : MONTANT DE LA GARANTIE OU DE LA CAUTION ÉQUIVALENTE POUR LA DEMANDE DE MESURE PROVISOIRE OU DE SUSPENSION DE LA MISE EN LIBRE CIRCULATION DES MARCHANDISES PRÉSUMÉES CONTREFAITES**
Ingingo ya 37: Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo bitangwa ku busabe bw'icyemezo cy'agateganyo	**Article 37: Security or equivalent assurance for a provisional measure**	**Article 37 : Garantie ou caution équivalente pour la mesure provisoire**
(1) Ufite urupapuro mpamo rwo kurengera umutungo bwite mu by'inganda, ufite uburenganzira ku gihangano, ufite uburenganzira bushamikiyeho cyangwa uwahawe uruhushya usaba urukiko gufata icyemezo cy'agateganyo kirebana n'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge hagamijwe kurinda uregwa no gukumira ubuhemu yishyura ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo, bingana na 20% by'agaciro k'ibicuruzwa bikekwa ko byiganwe cyangwa	(1) An industrial property rights holder, copyright holder, related rights holder or licensee, who seeks a court order for a provisional measure regarding intellectual property rights to protect the defendant and prevent abuse pays security or equivalent assurance equal to 20% of the value of the suspected counterfeit goods or those subject to a provisional measure.	(1) Le titulaire du titre de propriété industrielle, le titulaire du droit d'auteur, le titulaire des droits connexes ou le titulaire de licence, qui sollicite une ordonnance de la juridiction pour une mesure provisoire en relation avec les droits de la propriété intellectuelle pour protéger le défendeur et prévenir les abus, verse la garantie ou la caution équivalente, égale à 20% de la valeur des marchandises présumées contrefaites ou de celles soumises à une mesure provisoire.

ak'ibirebwa n'icyemezo cy'agateganyo.		
(2) Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo bigizwe n'amafaranga ashyirwa kuri konti iri muri banki igenwa n'urukiko cyangwa ubwishingire butangwa n'ikigo cy'imari cyangwa icy'ubwishingizi byemewe byanditswe mu Rwanda. Iyo banki cyangwa ikigo cy'ubwishingizi bitanze inyandiko y'ubwishingire, byemeza ko igihe hazabaho ifatira ry'ingwate cyangwa iry'ubwishingire bizishyura ingano y'amafaranga agaragara mu nyandiko y'ubwishingire.	(2) The security or equivalent assurance consists of either a monetary deposit into a bank account designated by the court, or a guarantee issued by a duly accredited financial or insurance institution registered in Rwanda. If a bank or another authorised institution issues a security document, it certifies that, in the event of a seizure of the collateral or guarantee, it will pay the amount stated in the security document.	(2) La garantie ou la caution équivalente consiste en un dépôt monétaire sur un compte bancaire désigné par la juridiction, ou en une garantie émise par une institution financière ou d'assurance dûment accréditée et enregistrée au Rwanda. Lorsqu'une banque ou un autre établissement accrédité délivre un document de garantie, il doit certifier qu'en cas de saisie de la garantie ou de la sûreté, il paiera le montant indiqué dans la garantie.
<u>Ingingo ya 38</u>: Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo ku busabe bwo guhagarika by'agateganyo ibicuruzwa bikekwaho kwiganwa	**<u>Article 38</u>: Security or equivalent assurance for suspension of suspected counterfeit goods**	**<u>Article 38</u> : Garantie ou caution équivalente pour la suspension des marchandises présumées contrefaites**
(1) Ufite uburenganzira ku bicuruzwa bikekwaho kwiganwa wifuza ko ubuyobozi bwa gasutamo bubihagarika by'agateganyo abushyikiriza ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo, bingana na 20% by'agaciro k'ibyo bicuruzwa, hakurikijwe inzira yo kumenyekanisha ibyinjira n'ibisohoka muri gasutamo.	(1) A right holder who requests the customs authority to suspend the release of suspected counterfeit goods into free circulation provides a security or equivalent assurance equal to 20% of the declared value of the goods, under customs clearance procedures.	(1) Le titulaire d'un droit qui demande à l'autorité douanière de suspendre la mise en libre circulation des marchandises présumées contrefaites fournit une garantie ou une caution équivalente, égale à 20% de la valeur déclarée de ces marchandises, dans le cadre des procédures de dédouanement.

(2) Ingwate cyangwa ubwishingire bungana na yo biteganywa mu gika cya (1) bigizwe n'amafaranga ashyirwa kuri konti iri muri banki itangwa n'ubuyobozi bwa gasutamo, cyangwa ubwishingire butangwa n'ikigo cy'imari cyangwa icy'ubwishingizi byemewe byanditswe mu Rwanda. Iyo banki cyangwa ikindi kigo cyemewe bitanze inyandiko y'ubwishingire, byemeza ko igihe habayeho ifatira ry'ingwate cyangwa ubwishingire, bizishyura ingano y'amafaranga agaragara mu nyandiko y'ubwishingire.	(2) The security or equivalent assurance provided for in Paragraph (1) consists of a sum of money deposited into a bank account specified by the customs authority or a security guarantee provided by an accredited financial or insurance institution registered in Rwanda. If a bank or another authorised institution issues a security document, it certifies that, in the event of a seizure of the collateral or guarantee, it will pay the amount specified in the security document.	(2) La garantie ou la caution équivalente prévue au paragraphe (1) consiste en une somme d'argent déposée au compte bancaire spécifié par l'autorité douanière ou par une garantie de sécurité fournie par une institution financière ou d'assurance dûment accréditée et enregistrée au Rwanda. Lorsqu'une banque ou un autre établissement accrédité soumet un document de caution, il certifie qu'en cas de saisie, il paiera le montant spécifié dans le document de garantie.
(3) Iyo ufite uburenganzira ku bicuruzwa bikekwaho kwiganwa bivugwa mu gika cya (1) aregeye urukiko hagamijwe gufata icyemezo cyo gukomeza guhagarika ikwirakwizwa ryabyo, ingwate cyangwa ubwishingire byari byatanzwe mbere bikomeza kugira agaciro mu gihe hategerejwe icyemezo cy'urukiko.	(3) If the right holder of the suspected counterfeited goods referred to in Paragraph (1) files a case in a court to seeking a decision to continue the suspension of their free circulation, the previously provided security or guarantee remains in effect pending the court's decision.	(3) Lorsque le titulaire du droit sur les marchandises présumées contrefaites visées au paragraphe (1) saisit la juridiction afin d'obtenir une décision visant à maintenir la suspension de leur libre circulation, la caution ou la garantie précédemment fournie reste en vigueur dans l'attente de la décision de la juridiction.
<u>UMUTWE WA VII</u>: AMAFARANGA YAGENWE YISHYURWA KURI SERIVISI ZO KURENGERA UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE N'AHO ASHYIRWA	**<u>CHAPTER VII</u>: AMOUNT OF PRESCRIBED FEES PAYABLE FOR THE SERVICES OF PROTECTION OF INTELLECTUAL PROPERTY AND THEIR DEPOSIT ARRANGEMENTS**	**<u>CHAPITRE VII</u> : MONTANT DES FRAIS PRESCRITS PAYABLES POUR LES SERVICES DE PROTECTION DE LA PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE ET LEUR DÉPOT**

<u>Ingingo ya 39</u>: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge	**<u>Article 39</u>: Fees payable for the services of protection of intellectual property**	**<u>Article 39</u> : Frais payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle**
Amafaranga yishyurwa kuri serivisi zo kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge ari ku mugereka wa 2. Aya mafaranga ntasubizwa.	The fees payable for the services of protection of intellectual property are in Annex 2. These fees are non-refundable.	Les frais payables pour les services de protection de la propriété intellectuelle sont en annexe 2. Ces frais ne sont pas remboursables.
<u>Ingingo ya 40</u>: Kwishyura mu mafaranga y'amahanga	**<u>Article 40</u>: Payment in foreign currencies**	**<u>Article 40</u> : Paiement en monnaies étrangères**
(1) Amafaranga y'amahanga yishyurwa igihe usaba serivisi adatuye mu Rwanda cyangwa iyo icyicaro gikuru cy'ubucuruzi kiri hanze y'u Rwanda.	(1) Foreign currencies are payable when the service applicant does not reside in Rwanda or if the principal place of business is outside Rwanda.	(1) Les monnaies étrangères sont payées quand le demandeur de services ne réside pas au Rwanda ou lorsque le principal établissement de ses activités commerciales est en dehors du Rwanda.
